Umushinga ufasha urubyiruko rwifuza kwiga ubuhinzi/bworozi bw'umwuga no gutunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (R-YES).

Icyiciro cya 1: Itangazo rigenewe urubyiruko rwifuza kwiga ubuhinzi/bworozi bw'umwuga no gutunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi.

Waba ufite hagati y'imyaka 16 na 35, ukaba utuye mu karere ka: Rulindo, Gicumbi, Musanze, Nyagatare, Kayonza, Rwamagana, Bugesera, Ngoma, Kamonyi, Ruhango, Nyanza, Huye, Gisagara, Nyabihu, Rubavu, cyangwa Rusizi?

Waba wifuza kwiga ubuhinzi/bworozi bw'umwuga no gutunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi?

Umushinga Rural Youth Employment Support (R-YES) wabigufashamo.

R-YES n'umushinga w'imyaka itanu (uzarangira mu kwezi k' Ukuboza mu 2024) ushyirwa mu bikorwa na Kilimo Trust, Rwanda Polytechnic na Rwanda Youth in Agribusiness Forum (RYAF) ku nkunga y'Ikigega Mpuzamahanga gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi (IFAD) na Minisiteri y'Ubudage Ishinzwe Ubukungu n'Iterambere (BMZ). Umushinga R-YES ugamije guhugura urubyiruko rwo mu cyaro no kurwubakira ubumenyi bwo kuba abakozi beza na ba rwiyemezamirimo mu bikomoka ku buhinzi n'ubworozi.

Urubyiruko ruzajya ruhugurirwa by'igihe gito mu mashuri makuru y'imyuga n'ubumenyi ngiro (IPRC) ndetse no mu nganda cyangwa ibigo bikora ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi. R-YES irateganya kubaka ubumenyi ngiro bw'urubyiruko 1,200 (50% bagomba kuba ab'igitsina gore). R-YES yatangiranye n'uturere 16 aritwo: Amajyaruguru *(Gicumbi, Rulindo, na Musanze)*, Uburengerazuba *(Nyabihu, Rubavu, na Rusizi)*, Amajyepfo *(Nyanza, Ruhango, Gisagara, Kamonyi, na Huye)*, n'Uburasirazuba *(Nyagatare, Kayonza, Rwamagana, Ngoma na Bugesera)*.

Ibiteganyirijwe urubyiruko:

1) Kubaka ubumenyi ku buhinzi/bworozi bw'umwuga no gutunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi binyuze mu masomo y'igihe gito (hagati y'amezi 3 n'amezi 6) azajya atangirwa mu mashuri makuru y'imyuga n'ubumenyi ngiro (IPRC).
2) Kwigira mu nganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi cyangwa ibigo bikora ubuhinzi/bworozi bugezweho.
3) Gufasha imishinga y'urubyuko yahize iyindi mu kugaragaza amahirwe yo kubyara inyungu no gutanga akazi– guhitamo imishinga bikorwa ku bamaze guhugurwa.

Icyo iri tangazo rigamije

R-YES iramenyesha urubyiruko rubyifuza ko yateguye amahugurwa y'igihe gito (amezi 3 muri IPRC n'andi mezi 3 mu nganda n'ibigo by'ubuhinzi/bworozi n'ibibikomokaho) kugirango urubyiruko ruhabwe ubumenyi ku buhinzi/bworozi bugezweho no gutunganya ibikomoka ku Mata, Inkoko, Ingurube, Ibirayi, Ibigori, Umuceri, n'Imboga (*inyanya, imiteja, urusenda, ibitunguru, Puwavuro, karoti, n'amashu)*. Urubyiruko rugera kuri magana atatu (300) ruzatoranywa muri iki cyiciro cya mbere ruzahugurirwa muri za IPRC n'inganda zitunganya ibiribwa aho bazajya kwimenyereza umurimo.

Amahirwe ari mur'aya mahugurwa

Urubyiruko ruzitabira rukanasoza aya mahugurwa rufite amahirwe akurikira:

- Kubona ubumenyi bukenewe mu buhinzi/bworozi no mu nganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi.
- Imishinga y'urubyuko izahiga iyindi mu kugaragaza amahirwe yo kubyara inyungu no gutanga akazi izaterwa inkunga
- Abazasoza amahugurwa bazahabwa impamyabushobozi (certificate).

R-YES izishyurira urubyiruko rwujuje ibisabwa

Urubyiruko rwujuje ibisabwa ruzishyurirwa ikiguzi cyose cy'amahugurwa azatangirwa muri za IPRC, inganda n'ahandi hazakorerwa amahugurwa. Icyo kiguzi kizatangwa ku kigo kizatanga amahugurwa. Hazaba hakubiyemo amafaranga y'ishuri, amafunguro, icumbi (aho biri ngombwa), ibikoresho by'amahugurwa, ibikoresho by'isuku n'ibindi bijyanye n'amahugurwa.

Ibisabwa

Ubyifuza agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1) Kuba azi gusoma no kwandika,
2) Kuba afite imyaka iri hagati ya 16-35,
3) Kuba yararangije guhera ku myaka 9 y'amashuri abanza cyangwa icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye kugeza ku amashuri y'imyuga (TVET/IPRC) na kaminuza, kandi akaba amaze nibura imyaka 2 asoje icyiciro cy'amashuri yarangije
4) Kuba afite ubushake n'ikizere cyo kubona akazi no kwihangira imirimo.
5) Kuba wiyemeje kumara igihe amahugurwa yateganirijwe kumara (amezi 3 kugeza kuri 6).
6) Kuba ufite ikarita y'ubwishingizi bwo kwivuza
7) Kwikubitiro hazahabwa amahirwe urubyiruko ruturuka mu turere dukurikira:
    - Intara y'Amajyaruguru: Rulindo, Gicumbi, na Musanze,
    - Intara y'Iburasirazuba: Nyagatare, Kayonza, Rwamagana, Bugesera, na Ngoma,
    - Intara y'Amajyepfo: Kamonyi, Ruhango, Nyanza, Huye, na Gisagara,
    - Intara y'Iburengerazuba: Nyabihu, Rubavu, na Rusizi.

Icyitonderwa: Urubyiruko rw'igitsina gore barashishikarizwa kwitabira aya mahugurwa.

Uko wasaba kwitabira aya mahugurwa

Abujuje ibisabwa kandi bifuza kwitabira aya mahugurwa barasabwa gukanda kuri https://application.rp.ac.rw/ryes_applying bakuzuza amakuru yose asabwa bakohereza bitarenze ku wa gatatu tariki 28 Nyakanga 2021 saa kumi n'imwez'umugoroba (17:00) ku isaha yo mu Rwanda.

Ibyangombwa bikenerwa n'ibi bikurikira (*ufunguye link yatanzwe haruguru ubona aho kubyomeka*):

i) Fotokopi y'indangamuntu
ii) Fotokopi y'impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'icyiciro cy'amashuri warangije
iii) Fotokopi y'ikarita y'ubwishingizi mu kwivuza (*Mituweli cyangwa Ubundi bwishingizi*)
iv) Icyemezo cy'uko utuye (certificate of residence) gitangwa n'ubuyobozi bw'aho utuye cyikerekana aho umuntu atuye (kinatangirwa ku rubuga rw'irembo ukanze kuri https://irembo.gov.rw/home/citizen/all_services).

Ukeneye ibindi bisobanuro wahamagara kuri +250 788 441 303/ 787 827 014/788 964 305.

www.kilimotrust.org, www.rp.ac.rw, cyangwa www.ryaf.rw.

IFAD
Investing in rural people

Federal Ministry
for Economic Cooperation
and Development